

**Witness Code: RTLMZZZ**

**RTLMZZZ-4**

CASE NO: ICTR-98-41-7  
EXHIBIT NO: 251 A  
DATE ADMITTED: 8-6-98 DCF  
TENDERED BY: PROSE Legal  
NAME OF WITNESS: M. H. KOLE

**WITNESS PSEUDONYMS**

Case	Pseudonym	Testified	Testified
TBD		No	

RTLM tape / transcript of radio broadcast April 3, 1994 ; Tape No: 194  
Re: Habyarimana's speech for BBTG

**DOCUMENT INFORMATION**

Doc Type:	Radio Broadcast
Doc Sources:	RTLM
Doc Original No:	KT00-0548/49/50 (0194)
Doc Date:	
Original language:	Kinyarwanda
Translation:	Eng / Fre
ERN Translation:	23/K016-2322-K016-2358

**For Witness Statement:**

Signature	Date	
Interviewer 1:		
Interviewer 2:		

**DOCUMENT CODING**

Document code:	RTLMZZZ-4
ERN Number:	K015-1724-K015-1761

**Disclosure Codes and Exhibit Numbers**

**Past Disclosure---Past Disclosure---Past Disclosure---Past Disclosure**

IN	Code Used	Date	Support	Sup Code
BAGOSORA, Théoneste (colonel)	RTLMZZZ-04	02-apr-02	No	
KABILIGI, Gratien	RTLMZZZ-04	02-apr-02	No	
NSENGIYUMVA, Anatole	RTLMZZZ-04	02-apr-02	No	
NTABAKUZE, Aloys	RTLMZZZ-04	02-apr-02	No	

K0151724

**IDENTIFICATION** : C.60/K 95  
03/04/94  
0194

**DURÉE** : 60 Min

**QUALITE** : Bonne

**TRANSMISSION** : Radio- RTLM

**NOM DU TRANSCRIPTEUR** : UWIMANA Rosine

**DATE DE TRANSCRIPTION** : Le 12/06/2000

**NOM DU FICHIER** : RTLM 0194.

**DICTAPHONE** : S/N°516567

RESUME DE LA CASSETTE N ° 0194.

SIDE A.

- \* Valérie BEMERIKI dément les informations diffusées par RdioMuhabura selon lesquelles il y aurait un certain MISAGO Antoine, deuxième Vice Président de la CDR qui était mal intentionné vis à vis du Premier Ministre Agata UWILINGIYIMANA.
- \* Communiqué émanant du conseil des Ministres lu par le Président de la République.
- \* Enock RUHIGIRA fait le point sur la non ingérence du Président de la République dans la gestion des partis politiques.
- \* Valérie BEMERIKI dénonce la complicité entre les Nations Unies et le FPR en citant quelques preuves inébranlables selon elle. Elle s'inquiète sur la situation qui ne fait que s'empirer dans la ville de Kigali. Ensuite elle fait le point sur la situation qui prévaut dans la cellule Rugando Secteur Kimuhurura, Commune Kacyiru où les femmes se sont bagarrées puis vient l' interview qu'elle a eu avec une de ces femmes appelée MUKARURINDA.
- \* Valérie BEMERIKI félicite les militaires chargés d'assurer la sécurité du bâtiment de la Présidence de la République pour avoir fait faire demi tour aux soldats belges.

SIDE B.

K0151726

3

- \* Interview de Valérie BEMERIKI avec GATABAZI Martin, Responsable de la Cellule de Rugando, Secteur Kimihurura, Commune Kacyiru. Ils s'entretiennent sur la situation qui s'empire de plus en plus dans sa cellule depuis que les Inkotanyi logent au CND.
- \* Valérie dénonce les réunions qui se tiennent en cachette chez Madame le Premier Ministre UWILINGIYIMANA Agata en vue de déstabiliser le Gouvernement en place et auxquelles ne sont conviés que des officiers originaires du sud du pays.
- \* George RUGGIU présente le journal dont les grands titres sont:
  - SOS Gikongoro aide à la lutte contre la famine.
  - NZAMURAMBAHO ne répond plus. Qui a assassiné Félicien GATABAZI.
  - Le FPR se divise et subit de nombreuses désertions.

***FIN DE LA CASSETTE.***

***FACE A.***

Orateur : Valérie BEMERIKI.

..... ku buryo ku kibazo ejo bagomeje kubagezaho cyerekeranye ngo n'icyuma ee.. basanganye ee.. Bwana MISAGO Antoine ee.. deuxième... ee Vice- Président wa kabiri w'ishyaka rya CDR yari afite mu gihe iryo shyaka ryashi... gombaga kubonana eee... na... n'Agata. Ariko nyamara ibyo bintu byabaye ku wa kane, ku wa kane ni ho byabaye, Radio Rwanda ntiyigeze ibivuga ariko ku wa gatanu mu gitondo cya kare kare Radio Muhabura ni yo yabyutse itangaza ibyerekeranye na kiriya cyuma.

Ndetse ni na ho ba... bikomye cyane umunyamakuru wa RTLM HITIMANA Noheli.

Ubwo rero icyo cyuma cyatangajwe na Radio Muhabura gikwira ku isi yose n'ayandi maha... no mu bihugu no mu yandi baradiyo bavuga ko uwo muntu yari yitwaje icyuma kirekire, kirekire cyane ngo "akaba yari acywaje" ngo "ashaka kugirira nabi ee... Agata".

Nyamara ariko ubwo yanabivugaga ntabwo Radio Rwanda yari yakagize icyo ibivugaho. Muribuka ko Radio Rwanda yabivuze ee.. nyuma, nyuma cyane ariko byabanje kuvugirwa kuri Radio Muhabura.

Ibi rero bikaba bigaragaza ukuntu Agata akorana cyane na Radio Muhabura. Ariko kandi ari ukugira ngo gusa yanduze... yanduze ishyaka rya CDR, ari ukuvuga ati dore noneho koko CDR ni ishyaka ry'ubwicanyi ntabwo ryagombye kujya mu nzibacyuho yaguye.

Ubwo rero mwiyumviye namwe icyo ee... Bwana MISAGO Antoine ukuntu yabisobanuye ukuntu kiriya cyuma yari yaje yagifashe ndetse ku buryo atari anabizi. Ubwo nyamara kandi na none iyo biza kuba ari impamo ibintu byabaye ku wa kane Agata yashoboraga gutumiza na télévision y'u Rwanda kuko itangira gukora ku wa gatanu ikaba yanagifotora noneho icyo cyuma kikaba koko

cyanyura kuri télévision y'u Rwanda abantu bose bakakibona. None se kuki yatinye kukinyuzaho? Ni uko mu by'ukuri ari ukubeshya, ni uko mu by'ukuri babeshyaga ntabwo kiriya cyuma ari icyuma wavuga ko ari icyuma cyo gutwara kugira ngo wice umuntu nk'uko cya... byasobanwe na nyiracyo ni icyuma cyamufashaga yagiye nk'ahantu mu rugendo nk'uko yabisobanuye.

Ubwo rero ku byerekeranye n'imyanzuro yavuye muri iriya nama nababwiraga y'amashyaka yashyizeho Guverinoma, ee.. ubu Agata yiyitirira ko ayobora ikaba yari iyobowe na Nyakubahwa Président wa Repubulika mwiyumviye ko yategekaga Agata ko agomba gukoresha inama za Guverinoma kugira ngo ibyo bintu... mbese ibibazo igihugu cyacu kirimo gishoborwe kubonerwa umuti. Ndetse na Nyakubahwa Président wa Repubulika yagize icyo yongera kuri iyo myanzuro yari ikubiye ee.. muri iryo tangazo.

Nagira ngo rero muri aka kanya twumve ijwi rya Nyakubahwa Président wa Repubulika mu magambo yavuze ee.. yuzuza ee... iryo tangazo ryari rimaze gusohoka.

..... 3.1.

Orateur : HABYARIMANA Juvénal, Président de la République.

Gusoma iryo tangazo nk'uko ribigaragaza ngira ngo twumvikanye ku ngingo zose uko twabyifuzaga ariko rero twumvikanye ku ngingo nyinshi zizatuma mu minsi iri imbere tuzashyiraho izo Nzego zisigaye ni ukuvuga Inteko Ishinga Amategeko na Guverinoma y'Inzibacyuho Yaguye. Ntabwo twashyizeho itariki izo nzego zizagiraho kuko abize ibibazo tumazemo iminsi ni abagize igipande kireba Guverinoma, ubwo rero ni ukubanza kureba ikindi gipande kireba.. FPR Inkotanyi kugira ngo twumvikane na bo tuzabone kumenya itariki tuzashyiraho izi Nzego zisigaye.

Nkaba mbashimiye rero umwuka mwiza mwagiranye izi mpaka, nkaba mbashimiye ku mwatanze mu mucyo, ko mwatanze mu kuri ibitekerezo byanyu, tukaba twa.. rifuje ko igihe izo Nzego zitarajyaho ko Guverinoma iriho ubu ngubu yakora koko kugira ngo ibibazo byugarije u Rwanda turebe uko twabikemura.

Ikindi kibazo twi.. twitsetseho cyane cyane, ni ikibazo... twakunze kugarukaho ni icyerekeye umutekano, tukaba twongeye gusaba Abanyarwanda ko bawkita kuri wo mutekano, tukaba duse... twongeye gusaba Abanyarwanda ko Inzego zishinze... zishinzwe iperereza, zishinzwe gukora anketi ku bikorwabihungabanya umutekano, ku bikorwa by'ubwicanyi ko izo anketi zakorwa vuba.

Tukaba twarasabye kandi no muri iyi nama ko abanyapolitiki bagerageza iteka kushaka uko bavugisha ukuri ntibapfe guhuza amagambo uko bayabonye ari mu... ari mu gihugu ari mubyo bohereza mumahanga kuko ibyo nabyo bizana umwuka ubuza ubworohere kandi bigi... bi... bikaba bizana umwuka utari... udashaka kureba aho ukuri kuri. Ni ibyo nakongeraho kuri iyi communiqué imaze ku... somwa mu gifaransa, ubwo abanyamakuru bareba uko bazayihindura mu kinyarwanda. Nkaba nizeye yuko izo Nzego zagombye vuba kuko Abanyarwanda bazitegeree, ubwo ni byo tuzakora muri iyi minsi iri imbere ari Ministre w'Intebé ushinzwe kuzashyiraho Guverinoma y'Inzibacyaho Yaguye ari nanje ubwanje ari n'izindi Nzego kuko imishyikirano cyane cyane tuzakorana na FPR Inkotanyi kugira ngo turebe uko izo Nzego zashyirwaho.

Ndabashyimiye ubwo ni aho ubutaha. Murakoze.

(Applaudissements de la foule)

.....6.7.

Orateur : Valérie BEMELIKI.

Ubwo mwiyumviye ijambo Nyakubahwa Président wa Repubulika yongeye ku myanzuro yasohotse muri iriya nama. Ubwo nyamara kandi musanzwe muzi ibirego ee... cyane cyane Agata na TWAGIRAMUNGU bagenda barega Nyakubahwa Président wa Repubulika bakamushinja ibintu bitari byo bavuga ngo "yivanga mu by'amashyaka" cyangwa se n'ibindi. Nk'ibi bavuga ko mbese ngo "ari we ubona ikibazo gusa cya MDR na PDI" kandi abantu bose basanzwe bakizi.

Ubwo rero kugira ngo basobanukirwe n'ukuntu Nyakubahwa Président wa Repubulika ativanga mu

mashyska n'ibirego bindi bagiye bamurega, Umuyobozi w'ibiro muri Présidence ya Repubulika Bwana RUHIGIRA Enoki yarabisobanuye nimureke na we tumutege amatwi.

Orateur : RUHIGIRA Enock.

..... mpa ijambo. Nagira ngo mvuge mu magambo makeya igitekerezo nari mfite ku kibazo mbona cy'ingenzi Ministre... Premier Ministre wa Guverinoma y'Inzibacyuho yari avuze cyerekeye na cadre iyi nama yaba ikoramo cyangwa yatumijwemo. Nkabona wa mugani niba twagumye kuvuga tutumvikanye na cadre tuvugamo byaba biteye impungenge. Nkumva... nagira icyo mvuga na none ku byerekeye kwivanga byabavuzweho Nyakubahwa Prezida wa Repubulika.

Ariko mbere yo kubivuga ndabona... twatangiye no kujya muri "débats de fonds" sinzi niba (aseka) ahari ibyo mwatubwiye tubyubahiriza, ubwo murareba namwe uko bigenda kuko nidukomeza dutyo bitarangira.

Ku byerekeye cadre y'iyi nama nagira ngo nsobanurire Ministre w'Intebe wa Guverinoma y'Inzibacyuho ko mwayitumije mukurikije "accord de paix". Ikibabaje ahubwo ni uko iriya "accord de paix", ariya masezerano y'amahoro, umuntu ayisomera ukwe uko ashatse akurikije icyo ashaka kugeraho. Nagira ngo nibutse ko ingingo ya munani y'aya masezerano y'amahoro ivuga ko Guverinoma iriho ikomeza gukora kugeza igihe Guverinoma y'Inzibacyuho Yaguye izageraho. Ibyo biranditse, ikomeza gukora. Iyo Guverinoma rero iriho ifite uko yagiye kandi iyo Guverinoma ifite inshingano zo gukora. Ubwo rero ifite inshingano zo gukora kandi ikaba ifite uburyo yagiye ni ngombwa niba habaye ibibazo bikomeye bituma idakora kandi igihugu gifite ibibazi bicyugarije by'umutekano iby'abakozi badakora n'ibindi ko abayishyizeho baterana bakareba uko yakora kuko idakoze ityo cyangwa idakora yaba idahesha ishema abayishyizeho.

.....10.2.

Ee... Guverinoma iri muri aya masezerano y'amahoro uko yashyizweho nikore rero kugira ngo igihugu cyacu kitajya... kitarushaho kujya mu bibazo bikomeye.

Ikindi ingingo ya gatanu y'aya masezerano y'amahoro iteganya ko Guverinoma ya Repubulika y', u Rwanda na FPR byiyemeje gukora ibishobotse byose kugira ngo byubahirize aya masezerano y'amahoro kandi biyashyire mu bikorwa. Iyo Guverinoma rero bavuga ni iyi iriho. Igomba rero gufata ingamba zihamye kugira ngo ayo masezerano abe yashyirwa mu bikorwa. Ntabwo rero mbona aho Présidence ya Repubulika yaba yatandukiye kugira ngo ibe yava muri iyi nshingano dufite yanditse mu masezerano y'amahoro ntaho iri ahubwo ni yo yubahirijwe, ariko kugira ngo ibintu birusheho kugenda neza Guverinoma ikore kandi mu byo yanakora hari no kwihutira gukora ibishoboka byose kugira ngo Guverinoma izayisimbura ijyeho vuba niba ari yo yarangiza n'ibi bibazo nk'uko bamwe babivuga bikaba byagaragara.

Ikindi nagira ngo mvuge Nyakubahwa Président wa Repubulika ni abakumuje yuko mwaba mvivanga babivuga none cyangwa barabivuze n'ubundi mu by'amashyaka. Nagira ngo nibutse yuko kandi no muri iyo nama yabaye ku itariki ya cumi n'umunani z'uku kwezi nari nabyibukije na Président w'ijo nama ndumva yigeze kubivuga, ko icyo mwifuza ari uko izi Nzego z'Inzibacyuh zo zayaho vuba. Icyabibubije ku itariki ya gatanu y'ukwezi kwa mbere ni uko habonetse ama listes menshi kandi ku byerekeye inama... Assemblée Nationale de Transition no kuri Guverinoma hakaba harimwo ibibazo naho, ariko cyane cyane ni uko icyo gihe yu... gushyiraho izo Nzego hari amashyaka atarabonetse.

Icyo mwifuzaga rero ni uko ikibuza ayo mashyaka kutaboneka cyavaho. Icyo rero kikaba gishingiye ku malistes abiri akunda kuboneka cyane cyane ee... muri Assemblée Nationale.

Ubu rero nyuma y'ijo nama icyo kibazo nticyakemutse ku buryo bugaragara, uretse ko Ministre w'Intebe wa Guverinoma y'Inzibacyuh Yaguye yababwiye yuko ku byerekeye ishyaka PL ryari rifite izo ngorane baba barumvikanye mu kugabana batanu batandatu bakurikije uko ishyaka ryabo riteye.

Ku byerekeye MDR ababwira yuko afite liste itangwa na Président ariko hari abandi bari mu ishyaka batayemera. Ibyo rero bigaragara yuko mwebwe mutivanze mu mikorere y'amashyaka ahubwo

mwakurikije raporo yabagejejweho kandi ni byo bababwira. Nibutsaga yuko mufite inshingano muhabwa n'aya masezerano y'amahoro yo kuzayobora inama ya mbere, iyi nama nkuru y'ishyiraho amategeko. Iyi nshingano rero irabasaba kumenya abo muzarahiza, n'abo ari bo mwatanga kandi icyo bita mu gifaransa iyo "caution morale" yanyu, mukayitanga muzi yuko nta nkurikizi ku giti cyanyu mubona mu gufata icyo cyemezo.

.....14.5.

Ikigaragara rero ni uko byihutirwaga gushyiraho izo Nzego musaba ishyaka PL nk'uko ryari ryarumvi... ryumvikanye kubaha Abadepite ko rya.... byumvikanyeho na MDR byibuze ibyo bumvikanaho ku maliste bakaba aribi barahira ibisigaye biri mu manza cyangwa mu yindi mishyikirano bikaba byazaza nyuma kuko nta wigeze avuga yuko MDR yiyeje kutajya muri izo Nzego cyangwa PL ntabwo yigeze ivuga yuko yiyeje kutazajya muri izo nzego ngo byibuze mubimenye noneho mufate abasigaye.

Nagira ngo rero icyo cyo kwivanga cyumvikane neza ko ntaho mwivanze ahubwo ari ibyo babashyikirije mwahereyeho mushaka yuko izi Nzego zajyaho vuba.

Murakoze Nyakubahwa Président wa Repubulika.

Orateur : Non identifié.

Murakoze Nyakubahwa Président wa Repubulika...

(Musique 2sec)

Orateur : Valérie BEMERIKI.

Iyo nama yari yarahuje ama... amashyaka yashyizaho iriya Guverinoma Agata yiyitirira ko ayoboye ikaba yari iyobowe na Nyakubahwa Président wa Repubulika mwiyumiye ko bumvikanye ko iriya Guverinoma nk'uko mumaze kubyumva mu ijambo rya Nyakubahwa Président wa Repubulika ko iriya Guverinoma izakomeza gukora kugeza igihe Guverinoma y'Inzibacyaho Yaguye izajyaho. Niba bavuze rero ko iriya Guverinoma izakomeza gukora ntabwo ari ukuvuga ko ee.. nk'uko Agata

abyivugira azajya agenda afata udupande udupande, ngo abe ari two akoresha. Ni ukuvuga ko agomba guteranya aba Ministres bose kugira ngo bakore. We rero avuga ngo ko guteranya Guverinoma yose ngo atari ngombwa. None se yadusobanurira ate ko turiya tu groupe two twaba twemwewe, yadusobanurira ate ko turiya tu groupe ukuntu adutoranya? Adutoranya ashingiye kuki? Ibyo bintu na byo nta na hato yigeze abigaragaza mukareba rero mugasanga ko ariho agenda yivuguruza mu bintu byinshi cyane.

.....16.7.

Si ibyo gusa rero murabona ko nyuma y'ibintu yagiye atangaza ndetse n'ibyo amaze iminsi avugira kuri Radio Rwanda ee... birimo ibintu byinshi, byinshi cyane ee.. byo kwivuguruza usanga mu by'ukuri ariho afatanya n'Inkotanyi ee... na FPR kugira ngo ubutegetsi bwose abuharire FPR. Ubwo kandi na none ni amakuru aragumya kutugeraho abwi.. atubwira ko nyine FPR ikomeje gukaza umurego kugira ngo igende ishaka guca uduce mu bantu hano mu gihugu cyacu mbese iteza imvururu ari na ko yica... yica abantu. Ubwo kandi na none ntabwo ari mu basivile gusa irototera ndetse n'ingabo z'igihugu ishaka kugira ngo izicemo ubu... ee... ibice ari na ko igamije kugira ngo ihirike ubutegetsi bwa HABYARIMANA Yuvenali.

Ubwo ni muri urwo rwego rer... muri urwo rwego ni yo mpamvu ee... uriya Muryango wa FPR ndetse na bamwe mu bawushyigikiye, amashyaka amwe awushyigikiye na MDR ndetse ya Rukokoma ee.. yagerageje guteranyiriza ingabo z'igihugu zo mu rwego rwo hejuru baturuka mu karere kamwe ndetse ni mu karere gusa k'amajya epfo mu ijoro ryo ku itariki ya mbere rishyira itariki ya kabiri z'ukwezi kwa kane mirongo cyenda na kane ee.. kwa Ministre w'Intebe uriya Agata UWILINGIYIMANA, kugira ngo barebere hamwe uburyo bwose n'inzira zose bakoresha kugira ngo ee.. bahirike ubutegetsi bwa Nyakubahwa Président wa Repubulika HABYARIMANA Yuvenali rero byaba... byaba bidashobotse kumuahirika bagakoresha uko bashoboye kose kugira ngo bamwivugane.

Ibyo bintu rero... iyo nama yateraniye kwa Ministre w'Intebe UWILINGIYIMANA Agata tariki,,, mu ijoro ryo ku itariki ya mbere rishyira tariki ya kabiri Mata umwaka w'igihumbi kimwe magana

K0151734

11

cyenda mirongo cyenda na kane.

Ubwo rero kubera umutekano w'abaturage birumvikana ko abaturage batari bakwiye kugirira icyizere gi... mbese kimwe kiraza amasinde uriya mutegarugori kuko dusanga ko mu by'ukuri uriya mutegarugori nta kintu ashobora kuzakora kugira ngo Abanyarwanda bave muri iki gihirahiro kirimo. Murumva namwe uduco atangiye kurema nko kugira ngo atangire akoreshe inama z'abantu bamwe bo mu ngabo z'igihugu bagamije guca ingabo z'igihugu mo ibice, baturuka mu karere kamwe, kugira ngo abo bantu bagerageze barebe ukuntu bahirika ubutegetsi bwa HABYARIMANA byaba binaniranye bagakoresha uko bashoboye kugira ngo bamwivugane.

Ibi ngibi si inkuru.... si inkuru ee.. mpimbano ni inkuru iriho, izwi, byarabaye byabaye kwa Ministre w'Intebe.

..... 19.7.

Iki kintu rero abantu bari bakwiye kugihagarikira uriya mutegarugori ndetse tukaba tubona ko atagishoboye guteranya Inama ya Guverinoma bamwinginze inshuro nyinshi ba... tukaba dusanga icya ngombwa ari uko na none amashyaka ya mushyizeho yakongera agaterana, agaterana nk'uko yari yabikoze nk'uko Nyakubahwa Président wa Repubulika yari yabikoze tariki ya makumyabiri na gatanu na makumyabiri na karindwi Gashyantare bakareba kuko imyanzuro yari iri muri iriya nyandiko yari ikubiye muri wa mwa... muri ya nyandiko itashoboye... batashoboye kuyubahiriza, ahubwo akaba agenda yivuguruza ubutitsa.

.... na none ibyerekeranye n'umutekano tukaba tubona ko umutakano muri rusange cyane cyane muri Prefecture y'Umujiyi wa Kigali ugenda urushaho uba mukeya cyane. Ni muri urwo rwego rero twagejejweho inkuru y'uko ee.. muri segiteri... muri Serire Rugando ya Segiteri Kimihurura ee... muri Komini Kacyiru ya Prefecture y'Umujiyi wa Kigali na ho hash.. Habaye umutekano muke. Uwo mutekano muke ee... wato... watewe ee.. n'abategerugori babiri umwe witwa MUKARURINDA ngo akaba avuka muri Komini Bicumbi ariko akaba acumbitse ubu muri Serire Rugando kuva muri mirongo cyenda ngo kera yari atunzwe n'umugabo witwa SANDUKU ubu bakaba batakiri kumwe.

Ikibazo rero we yari afite ngo baramuhohoteye. Abamuuhohoteye umwe yitwa... ni abagore batatu, ngo umwe yitwa Vareriya ee.. akaba ari muka... muka BANSARITSE Froduwari ngo undi mutegarugori ngo akaba yitwa Zayinabu ngo undi rero akaba ari umutegarugori wa Resiponsabure wa Segiteri Rugando ari na we witwa GATABAZI Maritini.

Ubwo rero ngo ibyo byabaye tariki ya mirongo itatu n'imwe z'ukwezi kwa gatatu mirongo cyenda na kane ku wa kane. Ngo abo bategarugori rero baraje ee.., baramusagarira ngo baramukubita. Nyamara wasuzumirira hafi ugasanga ibintu byose byakozwe harimo uguzugurana, uguzugurana no gusuzugura ubutegetsi ee.. bikaba kandi byarajyanye no kwihanira ubundi kwihanira ee... byamaganwa n'amategeko. Ubwo rero twagira ngo dukurikirane twumve icyo abo bategarugori bapfuye noneho na none nze kongera kubagezaho ibyo Responsable na we yaba yaradutangarije ku byerekeranye n'uwo mutekano muke.

.....22.2.

Orateur: Valérie BEMELIKI.

..... nde?

Orateur: MUKARULINDA.

MUKARULINDA.

Orateur: Valérie BEMERIKI.

Ukomoka he?

Orateur: MUKARULINDA.

I Bicumbi.

Orateur: Valérie BEMELIKI.

Hano se ni... uhatuye kuva ryari?

Orateur: MUKARULINDA.

Nahageze muri mirongo icyenda.

Orateur: Valérie BEMELIKI.

Uhatuye n'umuryango wawe wose umugabo wawe n'abana bangahe?

Orateur: MUKARULINDA.

Mfite abana batanu hano.

Orateur: Valérie BEMERIKI.

N'umugabo wawe muri kumwe ariko?

Orateur: MUKARULINDA.

Oya, uretse ko ajya aza kudusura.

Orateur: Valérie BEMERIKI.

Ikibazo mwaba mufite se cyaba ari ikihe?

Orateur: MUKARULINDA.

Ikibazo naba mfite ni uko bariya baje kumpohotera mu buryo butari bwo.

Orateur: Valérie BEMERIKI.

Ee.. abaguhohoteye ni ba nde? Bavuge amazina yabo, bavuge amazina yabo uvuge n'icyo bakuzizaga.

Orateur: MUKARULINDA.

Uwitwa Vereriya n'uwi... uwo mugore wundi wa KAREBE yitwa nde ra?

K0151737

14

Orateur : Non identifié.

Zayinabu.

Orateur: MUKARULINDA.

Uwitwa Zayinabu, n'umugore w'uno mugabo izina ry'iwe sinkunda... niba ari Lufonsina? Wese ntibari kumwe baza kunkubita?

Orateur: Non Identifié

Umugore wa nde?

Orateur : MUKARULINDA

kumwe baza kunkubita! We ariko...

Orateur : Non identifié

Umugore wanjye?

Orateur : MUKARURINDA.

We ariko Iii...

Orateur: Valérie BEMERIKI.

Ngo ni umugore wa nde?

Orateur: MUKARULINDA.

Konsikonsabure.

Orateur: Valérie BEMERIKI.

Ee.. babinje bate se ? Tubwire muri make...

Orateur: MUKARULINDA.

Baraje...

Orateur: Valérie BEMERIKI.

Buretse, buretse ee.. tubwire muri make ukuntu byagenze n'igihe byatangiriye.

Orateur: MUKARULINDA.

Erega nta mwuka mfite.

( les rires de la foule)

ba... nagiye kubona mbona baraje bancakije mu cyumba, mu nzu!

Orateur: Valérie BEMERIKI.

Hari ku wa kangahe? Ku yihe tariki?

Orateur: MUKARULINDA.

Ejo.

.....23.5.

Orateur: Valérie BEMERIKI.

Tubwire uwo munsi wari uwa kangahe?

Orateur: MUKARULINDA.

Wari uwa kane.

Orateur : BEMERIKI Valérie.

Baraje bigenda bite?

Orateur : MUKARULINDA.

Njye baraje bancakisha mu cyumba aho ndyamye ndwaye ndembye. Ngiye kumva numva bamfashe gutya ngo "harya" ngo "wanze kwitaba"? Nti "njiyewe" nti "nta mbaraga mfite", nti "nari ndwaye". Noneho ubwo ngubwo batangira ku... kunkubita amakabure, bankubise umwe aramfata amfata gutya n'uwundi afata hano arakurura. Akuruye barankushumukana n'iwe mu rugo. Ngo "ee", ngo "turamuzanye", ngo "turamuzanye"? Ngo "ii" (elle tousse). Ngo "none se" ngo "kuki" ngo "wasuzuguye"? Nti "njiyewe" nti "nari ndwaye". Uyu arambwira ati "icara hariya". Ndicara. Ndicaraaa. Ngo "mbese ubundi" ngo "buriya wari urwaye iki"? Ngo "dore uko rumeze". Ngo "urwaye iki mbese"?

Orateur : BEMERIKI Valérie.

Yee uravuga ngo wari wanze kwitaba, sobanura muri make impa... ikintu bari.. bari baguhamagariye se iki?

Orateur : MUKARULINDA.

Rwose nta kintu nzi (inaudible)

Orateur : BEMELIKI Valérie.

Buretse... buretse uransubiza banze ... u.. kugira, uravuga ko wanze kwitaba tubwire... içyatunye na we utanitaba, utubwire n'impamvu nyine bari baguhamagariye.

.....24.8.

Orateur : MUKARULINDA.

Jyewe içyatumiye ntitaba ni uko nari nzi yuko nta.. nta cyaha mfite.

Orateur : BEMERIKI Valérie.

Icyo bakuregaga se ni iki noneho? Wabwiwe n'iki ko nta cyaha ufite utazi ikintu baguhamagariye?

Orateur : MUKARULINDA.

Nanjye ni cyo kinyobera rero icyo naziraga nyine. None se niba abantu barahise hano bakavuga ngo "umuntu yabatutse" ubu bazana.. bakwerekana abantu yuko babatutse?

Orateur : BEMERIKI Valérie.

None se kuki wowe utitabye igihe wari uzi ko ....?

Orateur : MUKARULINDA

Njyewe nari ndwaye ndembe.

( le chahutement de la foule)

Orateur : Non Identifié.

Oya bureste?

Orateur : Non Identifié.

Rekera aho ng'aho buretse.

Orateur : MUKARULINDA.

Hii?

Orateur : BEMERIKI Valérie.

Ni kuki wowe utitabye se nyine igihe wari uzi ko nta cyaha ufite iyo witaba uwo muri... ni umutegetsi wanyu ibyo ari byo byose ariko iyo abatumyeho agize uwo ahamagara agomba kumwitaba. Noneho kuki se wowe utamwitabye? Nimba mbese wari unarwaye umbwiye ko hari abana bawe mubana bakuru mbese byibura waba waramuyumyeho umwe muri abo bana bawe akajya kumubwira icyatumye wowe ntitaba?

Orateur : MUKARULINDA.

Ibyo ari byo byose ndumva barabimubwiye, ndumva u... uriya muhungu yaje... yaje hano ndwaye ndyamye!

.....25.8.

Orateur : BEMERIKI Valérie.

None se ukaba ubona ko abo bantu bakujije iki? Tubwire neza icyo bakujijije.

Orateur : MUKARULINDA.

Rwose ndabona nta cyo. Kuko muri aka ka... muri iyi Segiteri ya hano nta muntu nari natuka.

Orateur : BEMERIKI Valérie.

Ubu se urumva umuntu yaza koko agagera ku irembo agahita agusanga mu rugo rwawe akagukubita, akagutuka nta kintu mupfuye?

Orateur : MUKARULINDA.

None se nta bantu benshi bajya bica gutyo ba... bagapfa nk'ibimonyo?

Orateur : BEMERIKI Valérie.

Nka... nka hano...hano bijya biba tubwire niba hari abantu uzi baba barapfuye na byo bitubwire.

Orateur : MUKARULINDA.

Nta bo nzi ariko njya mbyumva.

Orateur : BEMERIKI Valérie.

Abaturage namwe namwe muri hano ndababona hano...

Orateur: MUKARULINDA

Ushatse wamperaho ubu se izi nkoni...

Orateur : BEMERIKI Valérie.

.. hari abaturage bari hano ni nde uzi neza ukuntu ibyo bintu byagenze? Nta muntu ushobora kubitubwira by'imvaho? Igira hino utubwire uko witwa hanyuma udusobanurire muri make uko ibyo bintu byifashe.

.....26.6.

Orateur : Jean-Paul.

Njywe nitwa HIRWA Jean- Paul nkaba ntuye ku Kimihurura ni ho kavukire yanje. Ibyo bintu bya... byabaye ku wa gatanu w'icyashize.

Orateur : BEMERIKI Valérie.

Ni ku yihe tariki? Tubwire itariki. Ni mu cyumweru cyashize cyangwa ni iki cyumweru?

Orateur : Jean-Paul.

Icyashize ku wa gatanu yee.... Bon twari turi hano haruguru yo k'uno mukecuru tugiye kubona tubona haje abadamu babiri uu.. batubwira yuko bano baba... babatutse. Bon, bati "nimuze mujye kubabariza impamvu" kuko nanje ndi Nyumbakumi ndi kumwe n'abandi bahungu bane. Turamanuka tugeze aha ngaha baratongana, baratukana ngerageze kubwira uwo mudamu umwe wari ututswe nti mubyihorere nti turebe uko bizagenda. Bon, ari... aranyemerera arazamuka, bon, bukeye Resiponsabure atumaho aba ngaba ngo baze bitabe baburane banga kujyayo. Bon, Resiponsabure nanje arongera antumaho ejo ku wa kane ngo mbabwire baze, mpasanga umukobwa w'uyu mukecuru, ambwira yuko ngo "bazajye kuri komine". Ubwo ndagenda ndagenda mbimenyesha Responsable ko banze kwitaba. Nguko uko byagenze.

Orateur : BEMERIKI Valérie.

Hanyuma se koko nk'uko abivuga aravuga ko bamukubise niba warabikurikiye se weho byari

bimeze bite? Koko wabonye baramukubise cyangwa?

Orateur : Jean- Paul.

Yee... nageze hano nimugoroba numva yuko baje baramukubita koko. Kumukubita hari umudamu wa Resiponsabure n'ubo Zayinabu n'ubo mudamu wa Foroduware ari we watutswe. Bamukubise ngo bamumanukana bamujyana kwa Resiponsabure cyakora ageze kwa Resiponsabure ngo ntabwo yongeye gukubitwa. Ni ko nimugoroba nabyumvishe kuko nageze hano nimugoroba nabyumvishije.  
Eee

.....28.1.

Orateur : Valérie BEMELIKI.

Hari abandi baba babibonye ukundi ngo batubwire? Nta wundi? Niba hari uwundi waba wabibonye ukundi yakwigira hano akabitubwira. Utubwire izina ryawe hanyuma.

Orateur : Damien.

Nitwa TURATSINZE Damiyani.

Orateur : Valérie BEMERIKI.

Byagenze bite?

Orateur : Damien.

Njyewe umugore wa Foroduware yazamutse ku wa gatanu araza adusanga hariya haruguru ni ho twari turi aravuga ngo... ngo "hano hepfo" ngo "hari abagore" ngo "arazamutse" ngo "baramutuka".

Orateur : Valérie BEMERIKI.

Uwo mugore wa Froduware ntabwo uzi izina rye? Ni Froduware uwuhe? Tubwire n'irindi zina rye.

Orateur : Damien.

BASARITSE. Hum. Ngo.. ngo "arazamutse" ngo "baramutuka" ngo "babona azamutse" ngo bakavuga ngo "dore rwa runtu rurazamutse" ngo "ni rwanyakidumbari", ngo "n'ibiki byose". Ati "rero" ati "ni mumanuke muze mundebere". Cyokora njye namanutse nsohokanye n'abo ng'abo kubera ko nageze aha ngaha nkabona undi muntu uri kunshaka nkavugana na we, ababashije kuza ni aba ngaba ni uyu muhungu mumaze kuvugana, njye ntabwo naje kureba uko bimeze. Usibye ko uko nabonye.. ejo umunsi w'ej o baza kumukubita... uwo munsi bamukubita narabibonye. Baraje bamusanga mu nzu, twari twu.. twari turi hano haruguru twumva induru iri... irimo kuvuga, dusohotse dusanga ni we bari gukubita.

Ubwo baramufata baramumanukana, bamujyana kwa Resiponsabure.

.....29.2.

Orateur : Valérie BEMERIKI.

Ni ba nde bamukubise? Ni abantu bangahe? Tubwire n'amazina y'abamukubise.

Orateur : Damien.

Uwo mugore wa Froduwari ntabwo nzi izina rye ntabwo nzi ukuntu yitwa. Na.. n'uwtwa Zayinabo ee.. n'umugore wa Resiponsabure icyakora yari ahari.

Orateur : Valérie BEMERIKI.

Abo bose uko... abo bose uko ari batatu baramukubise?

Orateur : Damien.

Nabonye u.. u... u... uwari uri mu nzu ni uwa Froduwari niwe wari urimo kumukubita.

(Musique 1sec)

Orateur : Valérie BEMERIKI.

.... binagaraga ko ahantu hapfunze babuza ko imodoka zihanyura ariko MINUAR yo ishatse kugira ngo ikoresho igitugu kandi iyo MINUAR ni Ababiligi bamwe barinzwe kugenzura umujyi, bashatse

gukoresha igitugu ahantu hafungwa ha... ubundi hadatuwe hanyurwa n'imodoka nyuma ya saa kumi n'ebiyiri ariko yo ishatse gukoresha igitugu, ishaka kugira ngo ihanyure nyamara ni hano hafi kuri Présidence ni ahantu harindwa kandi hatavogerwa buri gihe iyo bigejeje saa kumi n'ebiyiri, ariko bariya bantu bo muri MINUAR, bariya basirikare b'Ababiligi bashatse kugira ngo bakore ibyabo bishakiye maze ingabo zacu zihahagarara neza cyane. Turabibashimira rero kuko bakoze uko bashoboye ahubwo Ababiligi bi... babuze icyo babivugaho bifata mu mutwe, abandi barabashobera bat "nimusubireyo nta nzira ihari". Ubwo rero bahambiriye amabinga basubirayo. Ingabo zacu rero tuzikuriye ingofero aho zihagaze hariya kuri pozisiyo zabo.

Ubwo rero nab... mumaze kumva ukuntu abo bategarugori bo muri Serire Rugando ukuntu byabagendekeye ariko kandi kubera ko bashyize mu majwi cyane Resiponsabure ndetse ee... n'umutegarugori.....

.....30.8.

***FIN DE LA FACE A.***

***FACE B.***

Orateur : Valérie BEMERIKI.

Cassette n° RTLM 0194 transcrise par U.R.

